**REPUBULIKA Y'URWANDA**

**Gasabo, ku wa 10/07/2017**
**Ref.N°: 0259/07.01.02 NJYG**

**UMUJYI WA KIGALI**
**AKARERE KA GASABO**
**Website : www.gasabo.gov.rw**
**Email : info@gasabo.gov.rw**
**P O BOX 7066 KIGALI.**

CITY OF KIGALI
11 JUL 2017
RECEIVED

DISTRICT DE GASABO
POUR RECEPTION
Date 12/7/2017
Signature
A Traiter

Bwana Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali
**KIGALI.**

**Impamvu**: Kohereza imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa 29/06/2017

MINALOC
Pour réception
Date 12 JUL 2017
Signature

Bwana Muyobozi,

Nejejwe no kubohereza ku mugereka w'iyi baruwa imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yateranye ku wa 29 Kamena 2017, hamwe n'ingengo y'imari y'Akarere y'umwaka wa 2017-2018.

Mugire amahoro.

**Dr BAYISENGE Jeannette**
Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo.

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GASABO

**Bimenyeshejwe:**
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;
- Bwana Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi;
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Gasabo.

**KIGALI.**

# INYANDIKO Y'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GASABO YATERANYE KU WA 29 KAMENA 2017

Ku wa gatanu itariki ya 29 Kamena 2017, saa ine za mu gitondo (10h00') mu cyumba cy' inama cya Lemigo Hotel ku Kimihurura hateraniye inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo iyobowe n'Umuyobozi wayo **Madamu Dr BAYISENGE Jeannette.**

Ku Bajyanama 28 bagize Inama Njyanama y' Akarere ka Gasabo, iyi nama yitabiriwe n' Abajyanama 21 bakurikira:

**Abajyanama bitabiriye inama:**

1. Umujyanama Dr BAYISENGE Jeannette (Umuyobozi w' Inama Njyanama)
2. Umujyanama KAREGA Diogène (Umuyobozi wungirije w' Inama Njyanama)
3. Umujyanama KAREMERA Francis (Umunyamabanga w'Inama Njyanama)
4. Umujyanama BAGILIJABO Jean d'Amour
5. Umujyanama GAHAMANYI Edouard
6. Umujyanama KAMASHAZI Donnah
7. Umujyanama KAMBANZE Béatrice
8. Umujyanama KAMILI Karegye
9. Umujyanama KANKINDI GAHIRE Rose
10. Umujyanama MBERABAHIZI Raymond Chrétien
11. Umujyanama MICO NTUNGA Patrick
12. Umujyanama MUGENI MAKUZA Jeanine
13. Umujyanama MUHIRE Jean Luc
14. Umujyanama MUSABYIMANA K. Yvonne
15. Umujyanama MUSSOLINI Eugène
16. Umujyanama NYIRABAHIRE Languide
17. Umujyanama RWAMULANGWA Stephen
18. Umujyanama RWIHUNDA Fred
19. Umujyanama SHEMA Fabrice
20. Umujyanama TUYIZERE Marie Louise
21. Umujyanama UMUKUNZI Paul

**Abajyanama batitabiriye inama kubera impamvu zizwi:**

1 Umujyanama BUCYANA André
2 Umujyanama MUZINGA Sam Mandela
3 Umujyanama UMUTONI Flora
4 Umujyanama UMUTONIWASE Sophie
5 Umujyanama RUBAGUMYA Emmanuel
6 Umujyanama RWAKIYANJA J.Paul
7 Umujyanama ZIHIGA Faustin

**Abandi bitabiriye iyi nama:**

1. Intumwa za MIECOFIN:
   - MUGISHA Bob (Specialist Budgeting & Perfomance Reporting Unit)
   - MBABAZI Diana (Budget Staff/ MINECOFIN)
2. Abakozi b'Akarere:
   - INGABIRE Augustin (Umunyamabaanga Nshingwabikorwa w'Akarere);
   - NZABONIMPA Déogratias (Corporate Services Division Manager);
   - UWINGABIRE Pudencienne (Director of Finance);
   - KAYIHURA Felix (District council Affairs Specialist);
   - SEGATASHYA Alexis (Umuyobozi w'Ishami ry'Ubuhinzi);
   - SIMPENZWE Thomas (Planning, Monitoring & Evaluation Officer);
   - MUGWANEZA Solange (Procurement Officer);
   - MAHENE BYIRINGIRO J Paul (Umukozi ushinzwe ikoranabuhanga mu Karere)
   - TWAGIRIMANA Jean Claude (DASSO Cordinater in Change of Adminstration & Logistics)
   - BENIMANA Bernadette (Constituency Affairs Officer)
3. Abagize Biro z'Inama Njyanama z'Imirenge igize Akarere ka Gasabo.

**UKO INAMA YAGENZE N'IMYANZURO YAFASHWE**

Abari mu nama bamaze kuririmba indirimbo yubahiriza Igihugu, Umuyobozi w' Inama Njyanama y'Akarere yahaye ikaze abitabiriye inama y' Inama Njyanama, nyuma abagezaho ingingo ziteganyijzwe ku murongo w' ibyigwa.

**INGINGO ZARI KU MURONGO W' IBYIGWA**

**1.** Raporo za Komisiyo zihoraho z' Inama Njyanama y'Akarere;
**2.** Raporo ya Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Akarere;
**3.** Kuzuza Komite ishinzwe gucunga imitungo yasizwe na bene yo;
**4.** Imyanzuro y' umwiherero w'abagize Inama Njyanama warebereye i Rubavu kuva 23-25 Kamena 2017;
**5.** Kwemeza ingengo y'imari y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2017-2018.

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Raporo za Komisiyo zihoraho z' Inama Njyanama**

**1.1.Raporo ya Komisiyo y' Imari n' Iterambere ry' Ubukungu.**

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry' Ubukungu yahawe umwanya ageza ku bagize Inama Njyanama raporo y'ibikorwa bya Komisiyo abamenyesha ko ibyakozwe bikubiye mu ngingo zikurikira:

1. Umushinga wo kubyaza umusaruro ibikomoka ku bucuruzi bwa kariyeri mu Karere ka Gasabo.
2. Kungurana ibitekerezo ku itegurwa rya gahunda y' imyaka 6 y' iterambere ry'Akarere: (District Development Strategies)
3. Umushinga w' imihigo y' Akarere y' umwaka wa 2017-2018.

4. Gusuzuma ikibazo Komisiyo yashyikirijwe na Komite Nyobozi k'ubusabe bwa SACCO ya Remera bwo kwishyura mu byiciro ikibanza yifuza kugura.
5. Imikoshereze y' ingengo y' imari y'Akarere ka Gasabo y' umwaka wa 2016-2017.
6. Umushinga wa gahunda y' itangwa ry' amasoko y' Akarere y' umwaka wa 2017-2018
7. Umushinga w' ingengo y' imari y'Akarere ka Gasabo y' umwaka wa 2017-2018.
8. Ibipimo by' imisoro n' amahoro bizakoreshwa mu mwaka wa 2017-2018.

Perezida wa Komisiyo yakomeje avuga ko ingingo zimwe zaganiriweho mu mwiherero w' Inama Njyanama y'Akarere wabaye kuva ku wa 23 -25 Kamena 2017 zifatirwa n'imyanzuro. Abagize Komisiyo y' Imari n'Iterambere y' ubukungu yifuje ko ingingo zikurikira zagezwa ku Nama Njyanama kugirango Abajyanama bazisuzume bazifateho imyanzuro:

**1.1. 1. Umushinga w' amasezerano Akarere ka Gasabo kifuza kugirana na KVCS mu birebana n' imicungire y' ibirombe**

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere yasobanuriye abagize Inama Njyanama imiterere y'amasezerano Akarere ka Gasabo kifuza kugirana na Kigali Veterans Cooperative Society (KVCS) mu birebana n' imicungire y' ibirombe biri mu butaka bwite bw' Akarere, abagaragariza inyungu Akarere kabonamo mu gihe ayo masezerano yakorwa.

Abajyanama bamaze kumva ibiteganywa muri ayo masezerano, bunguranye ibitekerezo bafata umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro No 10.01.120**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko hakorwa amasezerano hagati y'Akarere ka Gasabo na Kigali Veterans Cooperative Society (KVCS) arebana no kubyaza umusaruro ibikomoka ku bucuruzi bwa kariyeri n' imicungire y' ibirombe biri mu butaka bwite bw'Akarere ka Gasabo.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy' inama.

1.1.2. **Ikibazo Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yashyikirijwe na Komite Nyobozi k'ubusabe bwa SACCO ya Remera bwo kwishyura mu byiciro ikibanza yifuza kugura.**

Perezida wa Komisiyo y' Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yavuze ko Komisiyo yasuzumye ubusabe bwa Sacco y'Umurenge wa Remera ***"Ijabo Remera Sacco*** " burebana n' ubutaka buri mu kibanza No 225 kiri mu Murenge wa Remera, Akagari ka Rukiri II, Umudugudu w'Amahoro kugirango bubakemo inyubako SACCO y'Umurenge wa Remera ***"Ijabo Remera Sacco"*** izakoreramo. Komisiyo yasanze Akarere kadakwiye gutanga ubutaka bwa Leta ku buntu, ahubwo ko bukwiye kugurishwa ku giciro kingana na miriyoni mirongo icyenda n' icyenda n' ibihumbi magana atandatu na mirongo itanu na bitandatu na magana inani na makumyabiri **(99.656.820 Frw)**, akishyurwa mu byiciro bitatu nk'uko byasabwe n'Ijabo Remera Sacco kandi bikemezwa na Komite Nyobozi y'Akarere.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho igitekerezo cyo kwemerera SACCO ya Remera kwishyura mu byiciro bitatu, kungurana ibitekerezo no gusanga iyo SACCO ar'iy'abaturage b'Akarere ka Gasabo kandi ko iterambere ryabo ari iterambere ry'Akarere bafashe umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro No 10.02.121**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko ubutaka buri mu kibanza gifite UPI no 1/02/13/04/225 buherereye mu Murenge wa Remera, Akagari ka Rukiri II, Umudugudu w'Amahoro bwahawe Sacco y' Umurenge wa Remera **"Ijabo Remera Sacco"** kugirango yubakemo inyubako yo gukoreramo yabwishyura mu byiciro bitatu; 40% y'igiciro cyose cy'igenagaciro cyemejwe gihwanye na Miriyoni mirongo icyenda n' icyenda ibihumbi magana atandatu na mirongo itanu na bitandatu na magana inani na makumyabiri ( 99.656.820 Frw) ikayishyura ikimara kumenyeshwa uyu mwanzuro, asigaye akishyurwa mu myaka ibiri hishyurwa 30% buri mwaka.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy' inama.

**1.1.3. Imikoshereze y'ingengo y'imari y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2016-2017**

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yavuze ko basuzumye imikoreshereze y' ingengo y' imari y'umwaka wa 2016-2017 basanga amafaranga yari ateganyijwe kwinjizwa n'Akarere atashoboye kugerwaho kuko hinjiye amafaranga y'u Rwanda 12.031.985.819 ku mafaranga y'u Rwanda 3.865.777.698 bingana na 87%. Naho ku mafaranga yaturutse mu Butegetsi Bwite bwa Leta hinjiye 7.685.009.469 kuri 8.025.338.550 bihwanye na 96%, amafaranga yaturutse mu bindi bigo bya Leta, hinjiye 210.963.670 kuri 229.204.058 bihwanye na 92% naho amafaranga yaturutse mu bandi bafatanyabikorwa habonetse 1.314.581.269 kuri 1.378.177.789 bihwanye na 95% bivuze ko kuri 23 498 498 095 yari ateganyijwe mu ngengo y'ivuguruye y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2016-2017 habonetse 21.242.540.226 bihwanye na 90%.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo kuri iyi ngingo no gusanga amafaranga yinjijwe n'Akarere ari ku rugero rudashimishije cyane, Abajyanama bashingiye ku nama za Komisiyo y'Imari n' Iterambere ry'Ubukungu bafashe umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro No 10 .03.122**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko Komite Nyobozi ifatanyije n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kwinjiza Imisoro n'Amahoro (RRA) bashyiraho itsinda rikora rikanatunganya urutonde rw'abasora bose bo mu Karere ka Gasabo, kugira ngo amafaranga Akarere kiyemeje kwinjiza agerweho.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy' inama.

JB 9

**Umwanzuro No 10 .04. 123**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye Komite Nyobozi gufasha abaturage gukosoza ibyangombwa by'ubutaka kugira ngo ubutaka bwandikweho ibyo bwagenewe bityo ubutaka bwari bwaragenewe guhingwa ubu bukaba bwarahinduwe ubwo gutura butangire gusora.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy' inama.

**1.1.4. Ibipimo by'imisoro n'amahoro bizakoreshwa mu mwaka wa 2017-2018 ku birebana n'ikibazo cy'amahoro y'isuku rusange mu isoko rya Kimironko**

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, yamenyesheje abagize Inama Njyaama ko nk'uko babyemeje mu mwiherero wa Rubavu nyuma yo kugaragarizwa ibipimo by'imisoro n'amahoro bizakoreshwa mu mwaka wa 2017-2018, basabye Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu kongera gusuzuma ikibazo cy'abacuruzi bakorera mu isoko rya Kimironko basabwa kwishyura amahoro y' isuku rusange kandi bishyura Gasabo Investment Company ubukode bwa buri kwezi. Abasobanurira ko Komisiyo yabisuzumye mu nama yayo yo ku wa 28 Kamena 2017, bakareba icyo itegeko riteganya ku mahoro y'isuku rusange basanga abacuruzi bakorera mu isoko bagomba gutanga amahoro y' isuku rusange ndetse n' amahoro yo mu isoko bacururizamo buri kwezi.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho inama yatanzwe na Komisiyo yÍmari n'Iterambere ry'Ubukungu bunguranye ibitekerezo, bashingiye ku biteganywa mu Iteka rya Perezida No 25 /01 ryo ku wa 09/07/2012 rihyiraho urutonde kandi rigena ibipimo ntarengwa by'amahoro n'andi mafaranga yakirwa n'inzego z'ibanze ryasohotse mu igazeti ya Leta N$^0$ Special yo ku wa 27/07/2012 bafashe umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro No 10.05.124**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko abacuruzi bo mu isoko rya Kimironko ryeguriwe Gasabo Investment Company bishyura amahoro y'ubukode bw'aho bacururiza ndetse n'amahoro y'isuku rusange.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy' inama.

**Umwanzuro No 10.06.125**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko abacuruzi basanzwe bakorera mu isoko rya Kimironko, usibye abakorera mu maduka, bazasonerwa ibirarane by'amahoro y' isuku rusange by'amezi ya Mata, Gicurasi na Kamena 2017, bakazatangira kuyishyura kuva itariki 01 Nyakanga 2017.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy' inama.

**Umwanzuro No 10 .07. 126**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko Komite Nyobozi y'Akarere ishyiraho byihutirwa itsinda rizajya kuganiriza abacuruzi bo mu isoko rya Kimironko, Ubuyobozi bw' Ikigo gishinzwe kwinjiza imisoro n'amahoro kikamenyesha Ngali Holdings ko itagomba kubishyuza amahoro y'isuku rusange ya Mata, Gicurasi na Kamena 2017.

JB 9

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy' inama.

**Umwanzuro No 10.08.127**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ibipimo by'imisoro n'amahoro bizakoreshwa mu mwaka wa 2017-2018, bimaze gukorerwa ubugororangingo

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy' inama.

**1.1.4. Gusuzuma umushinga w' amafaranga y' urugendo yagenerwa Abajyanama mu gihe bitabiriye ibindi bikorwa by'Akarere.**

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yagejeje ku bari mu nama umushinga Komisiyo yateguye urebana n'amafaranga yahabwa Abajyanama b'Akarere bitabiriye ibindi bikorwa batumiwemo n'Akarere. Muri uwo mushinga kandi, hatekerejwe ku kibazo cy'Abajyanama bakorera mu Ntara, harebwa uburyo bakoroherezwa mu rugendo bakora, avuga ko Komisiyo ishingiye ku Iteka rya Minisitiri n° 003/07.01/15 ryo ku wa 13/10/2015 rihindura kandi ryuzuza Iteka rya Minisitiri n°008/07.01/14 ryo ku wa 28/05/2014 rigena insimburamubyizi n'amafaranga y'urugendo bigenerwa abagize Inama Njyanama igihe bateranye mu nama, cyane cyane mu ngingo ya 5 yaryo igika cya nyuma kivuga ko:"amafaranga yuzuye y'urugendo ahabwa buri Mujyanama witabiriye inama y'Inama Njyanama ni amafaranga y'u Rwanda ibihumbi icumi (10.000 frw), keretse ibyagenwa ukundi n'Inama Njyanama ishingiye ku burebure bw'urugendo Umujyanama akora kugirango agere aho inama iteranira", asoza asaba Inama Njyanama ko yakwemeza ibikubiye muri uyu mushinga.

Abari mu nama bamaze kugezwaho uwo mushinga bawunguranyeho ibitekerezo basanga icyo cyifuzo gifite ishingiro bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro No 10. 09. 128**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko Abajyanama b'Akarere bagenerwa amafaranga y'urugendo ibihumbi icumi (10.000 frw), mu gihe bitabiriye ibikorwa batumiwemo bitari imirimo isanzwe y' Inama Njyanama iteganywa n'amategeko. Ibi bigatangira gukurikizwa guhera mu mwaka w'ingengo y'imari ya 2017-2018.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy'inama.

**Umwanzuro No 10. 10. 129**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko Umujyanama w'Akarere ka Gasabo ukorera mu Ntara mu buryo buhoraho azajya bahabwa amafaranga y'urugendo hashingiwe ku burebure bw'Urugendo akora kugirango agere aho inama iteranira kandi hagashingirwa ku biciro biteganywa. Aya mafaranga azajya abarwa ku buryo bukurikira: (.... *....Km*2*228 frw/Km).

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy'inama.

**1.1.5. Amafaranga yo korohereza Abayobozi b'amashami mu Karere mu ngendo z'akazi.**

Perezida wa Komisiyo y' Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yamenyesheje Inama Njyanama ko yakiriye icyifuzo cya Komite Nyobozi kirebana no korohoreza abakozi mu kazi bagenerwa

amafaranga y'ingendo mu mirimo bakora. Ni muri urwo rwego Komite Nyobozi yifuje ko amafaranga y' ingendo ahabwa Abayobozi b'amashami ku kwezi yava ku mafaranga ibihumbi ijana na makumyabiri (120.000 Frw ) akagera ku mafaranga angana n' ibihumbi magana abiri n'umunani na magana arindwi na mirongo itatu na rimwe ( 208.731 Frw ) uhereye mu mwaka w' ingengo y' imari wa 2017-2018.

Abajyanama bunguranye ibitekerezo bafata umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro No 10 .11.130**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko amafaranga yahabwaga Abayobozi b'amashami ku Karere mu kuborohereza ingendo ava ku mafaranga ibihumbi ijana na makumyabiri (120.000 Frw) agashyirwa ku bihumbi magana abiri n'umunani na magana arindwi na mirongo itatu na rimwe (208.731 Frw).

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy'inama.

### 1.1.6. Inkunga yabonetse yo kubaka Umudugudu w' Icyitegererezo wa Rudakabukirwa (IDP Model Village) yatanzwe n'Abafatanyabikorwa.

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yamenyesheje Inama Njyanama ko mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2016-2017, Akarere ka Gasabo katewe inkunga ingana na miliyoni ijana na makumyabiri n'eshatu n'ibihumbi magana ane na bitatu n'amafaranga magana ane na makumyabiri n' icyenda (123.403.429 Frw) yatanzwe n'Abafatanyabikorwa mu rwego rwo kunganira ingengo y'imari y'Akarere mu bikorwa byo kubaka umudugudu w' Icyigererezo wa Rudakabukirwa (IDP Model Village) uherereye mu Murenge wa Gikomero. Asobanura ko Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu imaze kubisuzuma yifuje ko Inama Njyanama yakwemeza ko iyo nkunga yakoreshwa mu bikorwa byo kubaka uwo mudugudu.

Abajyanama bunguranye ibitekerezo, basanga bitewe n'uko ayamafaranga atari yarateganyijwe mu ngengo y'imari y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2016-2017, yakongerwamo kugirango akoreshwe ibyo abafatanyabikorwa bayageneye, hanyuma bafata umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro No 10.12.131**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko amafaranga angana na miliyoni ijana na makumyabiri n'eshatu n'ibihumbi magana ane na bitatu na magana ane na makumyabiri n' icyenda (123.403.429Frw) yatanzwe n'Abafatanyabikorwa yo kunganira ibikorwa byo kubaka Umudugudu w' Icyitegererezo (IDP Model Village) wa Rudakabukirwa mu Murenge wa Gikomero yongerwa kandi agakoreshwa mu ngengo y'imari y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2016-2017.

Uyu mwa mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy' inama.

## 1.2. Raporo ya Komisiyo y' Iterambere ry' Imibereho myiza y' Abaturage

Perezida wa Komisiyo y' Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage yagejeje ku bagize Inama Njyanama raporo y'ibikorwa bya Komisiyo abamenyesha ko ibyakozwe bikubiye mu ngingo zikurikira:

1. Gukurikirana aho imihigo y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2016-2017 yo mu nkingi y'Imibereho Myiza igeze ishyirwa mu bikorwa;
2. Gusuzuma umushinga wa gahunda y' ibikorwa byo mu nkingi y'Imibereho Myiza by' umwaka wa 2017- 2018;
3. Raporo ya Komite Nyobozi y'Inama y'Igihugu y'abafite ubumuga mu Karere ka Gasabo y' umwaka wa 2016-2017 na gahunda y' ibikorwa by' umwaka wa 2017-2018.

### 1.2.1 Gukurirana aho imihigo y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2016-17 yo mu nkingi y'Imibereho myiza igeze ishyirwa mu bikorwa.

Perezida wa Komisiyo yasobanuye ko ingingo nyinshi zaganiriweho mu mwiherero w'Inama Njyanama y'Akarere wabereye i Rubavu kuva ku wa 23 -25 Kamena 2017 zifatirwa n'imyanzuro, ariko agaruka ku ngingo irebana n'imihigo y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2016-2017 yo mu nkingi y'Imibereho Myiza asaba ko Inama Njyanama yayisuzuma ikayfataho umwanzuro.Yakomeje ashima ibikorwa byiza bikorwa mu mihigo y'Akarere y'umwaka wa 2016-2017, ariko abamenyesha ko mu gihe basuzumaga ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo basanze kuri Poste de Santé ya Kibara nta ntebe abarwayi bicaraho mu gihe bategereje ko bahabwa serivisi, bityo Komisiyo ikaba yarasabye ko byakwihutishwa kugira ngo abayigana babone serivisi nziza.

Abajyanama bamaze kugezwaho igitekerezo cya Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza bafashe umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro No 10.13.132**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye ko Komite Nyobozi y'Akarere kwihutira gushaka uburyo haboneka intebe abarwayi bagana Poste de Santé ya Kibara bicaraho mu gihe bategereje guhabwa serivisi.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy' inama.

## 1.3. Raporo ya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza

Perezida wa Komisiyo y' Imiyoborere Myiza yagejeje ku bagize Inama Njyanama raporo y' ibikorwa bya Komisiyo abamenyesha ko ibyakozwe bikubiye mu ngingo zikurikira:

1. Ibyagaragaye mu Cyumweru cy'Umujyanama mu Mujyi wa Kigali;
2. Gusuzuma umushinga wo kubaka Kagugu Genocide Museum (Agafaru);
3. Komisiyo yaganiriye ndetse yungurana ibitekerezo kuri gahunda yo kwibuka abagore n'abana bazize Genocide yakorewe Abatutsi;
4. Inteko rusange y'Igihugu y'Urubyiruko;

JB

5. Ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Inama Njyanama
6. Ibikorwa by' inkingi y' imiyoborere myiza biteganijwe mu ngengo y' imari y' akarere y' umwaka wa 2017-2018
7. Ikibazo cya Paruwasi Regina Pacis Remera cy'ubutaka bavuga ko bahawe mu 2001 ubu bukaba bwanditse ku Karere ka Gasabo

Perezida wa Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yakomeje avuga ko ingingo nyinshi zaganiriweho mu mwiherero w'Inama Njyanama y'Akarere wabereye Rubavu kuva ku wa 23-25 Kamena 2017 zifatirwa n'imyanzuro ndetse ko hari n'ingingo zikiganirwaho, ariko Komisiyo yifuje ko ingingo ikurikira yagezwa ku Nama Njyanama kugira ngo Abajyanama bayisuzume bayifateho umwanzuro.

**1.3.1 Gusuzuma ibikorwa byagaragaye mu cyumweru cy'Umujyanama.**

Perezida wa Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yamenyesheje Inama Njyanama ko bunguranye ibitekerezo kuri raporo zitandukanye z'icyumweru cy'Umujyanama zavuye mu Mirenge 15 igize Akarere ka Gasabo basanga hari ibibazo bigomba gukurikiranwa. Ibyo bibazo ni ibi bikurikira:

- Ibibazo by'abaturage bagisubirishamo ibyiciro by' ubudehe;
- Ibibazo by'abaturage batishoboye basaba gusonerwa amahoro ku bukode bw'Ubutaka, harimo abo mu cyiciro cya mbere n'abageze mu zabukuru bahawe inzu na Leta cyangwa abaterankunga.
- Ikibazo cy'abana b'ababyeyi batishoboye badahabwa ifunguro ku mashuri
- Abaturage bavuga ko basoreshwa amafaranga menshi (nk'ahagenewe inganda kandi ariho batuye, bityo bagasoreshwa nk'inganda kandi ntibabe bakwemererwa no gusana ;
- Ikibazo cy'imiturire cyane k'urubyiruko n'abandi baturage batishoboye ( kuba mu Tugari hatarashyirwaho ibishushanyo mbonezamiturire);
- Ikibazo cyo kutagira imodoka rusange zitwara abagenzi ( Gikomero, Rutunga na Jali );
- Ikibazo cy' amashuri ari kure Bumbogo ( abana bagenda 7km);
- Abaturage b'Umurenge wa Ndera, mu Kagari ka Masoro, Umudugudu wa Matwari basaba ko bakubakirwa ikiraro kibahuza na Kagari ka Bibare mu Murenge wa Kimironko kubera ko hatakiri nyabagendwa ;
- Abaturage bo mu Murenge wa Rutunga bafite ikibazo cy'ikiraro cya Mulindi cyangiritse ku buryo abana bata ishuri kubera kubura inzira ;
- Abaturage bo mu Murenge wa Kimironko, Akagari ka Bibare, Umudugudu w'Imanzi basaba ko bakubakirwa Umuhanda na ruhurura ibagabanya n'Umurenge wa Remera, umanuka kwa Chez Guiness.

Abajyanama bamaze kungurana ibitekerezo ku raporo ya Komisiyo y' Imiyoberere Myiza bafashe umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro No 10.14.133**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye ko Komite Nyobozi y'Akarere gukurikirana ibibazo bitandukanye byagaragaye mu Mirenge mu cyumweru cy'Umujyanama kugirango bishakirwe ibisubizo.

Uyu mwanzuro wemejwe n' Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy' Inama Njyanama.

**<u>Ingingo ya Kabiri</u> : Raporo ya Komite Ngenzuzi ku rwego rw'Akarere.**

Perezida wa Komite Ngenzuzi mu rwego rw'Akarere yagejeje ku Nama Njyanama raporo ibyagaragaye muri raporo y'Umugenzuzi Mukuru w' Imari ya Leta ku mwaka wa 2015-2016. Yakomeje avuga ko nyuma yo gusuzuma iyo raporo hagaragaye ibibazo bikurikira :

1. Ibibazo byagaragaye muri raporo y' ishyirwa mu bikorwa ry' ingengo y'imari;
2. Ikinyurayo cy'amafaranga y'u Rwanda 11.817.944 hagati ya raporo yaturutse mu nkiko na raporo y'Akarere ku mafaranga yinjizwa n'inkiko n'ikinyuranyo cy'amafaranga y'u Rwanda 1.029.052.097 kumafaranga yari ateganyijwe kwinjira n'ipatanti, ku mutungo utimukanwa no kumusoro ku nyungu z'ubukode.
3. Ibitaragenze neza mu ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano Akarere ka Gasabo kagiranye n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imisoro n'Amahoro (RRA);
4. Kutagira urutonde rw'Abasora runoze;
5. Amahoro akusanywa na KVCS atarigeze agezwa kuri konti ya RRA kuva mu Kwakira 2015 kugeza muri Kamena 2016 ;
6. Amafaranga 1.75.565.478 yinjijwe na Serivisi za "One Stop Center" adafite ibisobanuro;
7. Imyenda y'igihe kirekire igera ku 425.804.292 Akarere ka Gasabo kaberewemo n'abasora nandi mafaranga 917612 abakozi bahawe laptop yo kuva mu mwaka wa 2010 kugeza muri 2014 batishyuye;
8. Imyenda y'igihe kirekire Akarere kabereyemo abandi ugera kuri 1.530.000 yagarutse kuri konti y'Akarere, 1.089.000 yasigaye ku mitungo yagurishijwe mu manza za Gacaca ba nyirayo ntibaze kuyafata n'amafaranga y'u Rwanda 1007228 ataraboewe impapuro ziyisobanura;
9. Amafaranga y'u Rwanda 187.954.503 aturuka ku musoro atarakaswe ku nyemezabwishyu zishyuwe inkeragutabara zifite agaciro kanga na 1.065.075.518;
10. Amafaranga Akarere katangiye umwaka gafite kuri kont angana n'amafaranga y'u Rwanda 24.615.965 n'amafaranga y'u Rwanda 225.224.078 agenerwa VUP ndetse n'ibirarane bitagaragara muri raporo no mu bitabo by'ibaruramari;
11. Ubukererwe mu kwishyuza inguzanyo zatanzwe mu rwego rwa Financial Services / VUP angana na 225.246.965;
12. Umwenda w'amafaranga y'u Rwanda ungana 42.518.805, umaze igihe kirekire Mutuelle de Santé ibereyemo Ibigo Nderabuzima.

Abagize Inama Njyanama bamaze gusuzuma raporo ya Komite Ngenzuzi no kungurana ibitekerezo bafashe umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro No 10.15.134**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje raporo ya Komite Ngenzuzi nyuma yo kuyikorera ubugororangingo, isaba Komite Nyobozi kwihutisha ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yatanzwe na Komite Ngenzuzi.

Uyu mwanzuro wemejwe n' Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy' inama.

<u>Ingingo ya gatatu</u>: **Kuzuza Komite ishinzwe gucunga imitungo yasizwe na bene yo**

Umuyobozi w'Inama Njyanama yagejeje ku Bajyanama ibaruwa Umuyobozi wa One Stop Center yandikiye Umuyobozi w'Akarere ka Gasabo asaba ko yasimburwa muri Komite ishinzwe gucunga imitungo yasizwe na bene yo mu Karere ka Gasabo nk' uko byari byemejwe n'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yateranye ku wa 31 Werurwe 2017 mu mwanzuro wayo No 08.20.105. Mu ibaruwa ye Madamu NYIRABIHOGO Jeanne d'Arc asobanura ko bitamworohera kubangikanya inshingano afite zo kuyobora One Stop Center kandi agomba gukurikirana imirimo yayo umunsi ku wundi no kuba umwe mu bagize Komite ishinzwe gucunga imitungo yasizwe na bene yo.

Umuyobozi w' Inama Njyanama yakomeje avuga ko Inama y'Abaperezida yateranye ku wa 31 Gicurasi 2017 yasuzumye ubwo busabe isanga ikibazo gifite ishingiro, hemezwa ko Madamu NYIRABIHOGO Jeanne d'Arc yasimburwa muri iyi Komite na Madamu IRIBAGIZA Marie Louise, umukozi wo mu biro by' ubutaka.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho ibaruwa ya Madamu NYIRABIHOGO Jeanne d'Arc no kugezwaho umwanzuro wemejwe mu nama y'Inama y'Abaperezida bunguranye ibitekerezo nyuma imyanzuro ikurikira:

**Umwanzuro No 10.16.135**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeye ubusabe bwa Madamu NYIRABIHOGO Jeanne d' Arc bwo gusimburwa muri Komite ishinzwe gucunga imitungo yasizwe na bene yo mu Karere ka Gasabo.

**Umwanzuro 10.17.136**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje Madamu IRIBAGIZA Marie Louise muri Komite ishinzwe gucunga imitungo yasinzwe na bene yo mu Karere ka Gasabo.

Iyi myanzuro yemejwe n' Abajyanama 21 /21 bari mu cyumba cy' inama.

**Ingingo ya Kane: Imyanzuro y'umwiherero w'abagize Inama Njyanama wabereye i Rubavu kuva 23-25 Kamena 2017.**

Umuyobozi w'Inama Njyanama yibukije Abajyanama ko Umwiherero w'Inama Njyanama wo gusuzuma no kunoza Igenamigambi ry' Akarere ka Gasabo ry'Umwaka wa 2017-2018 wabereye mu Karere ka Rubavu kuri Hill View Hotel –Lake Kivu avuga ko uwo mwiherero wafatiwemo imyanzuro 26 igomba gushyirwa mu bikorwa, muri yo abagezaho iyo asaba Inama Njyanama ko yayemeza. Abajyanama bamaze gusuzuma ko ubugororangingo bwayikorewe bwongewemo bafashe umanzuro ukurikira:

**Umwanzuro No 10.18.137**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje imyanzuro y'Umwiherero w'Inama Njyanama wabereye mu Karere ka Rubavu ku wa 23-25 Kamena 2017 ikurikira:

- Kugira igenamigambi rinoze rishingiye ku iterambere ry'Umuturage kandi yagizemo uruhare;
- Gufata neza no kubungabunga ibyagezweho mu rwego rwo gukomeza gushyigikira iterambere rirambye (imihanda, ibikorwa bya VUP, udukiriro; amazi n'amashanyarazi) bikagenerwa ingengo y' imari ihagije;
- Kunoza gahunda yo gukurikirana no guhuza ibikorwa no kuyigenera ingengo y' imari;
- Guteza imbere ibikorerwa mu Rwanda no kongera ibyohorezwa mu mahanga;
- Gukangurira abaturage kurushaho kwizigamira hashyirwa imbaraga muri gahunda y'Igiceri Program no kureba aho iyo gahunda imaze kugeza abaturage mu iterambere;
- Guteza imbere Ubuhinzi mu rwego kurushaho guhashya ubukene mu Mirenge y'igice cy'inkengero z'umujyi;
- Kurushaho gusobanurira abaturage igishushanyombonera cy' Umujyi wa Kigali;
- Guhuza ibikorwa biteganyijwe mu igenamigambi ry'umwaka wa 2017-2018 n'ihame ry' Uburinganire;
- Mu gihe hategurwa inyandiko zitanga amasoko ya Leta mu Karere harebwa uburyo ba rwiyemezamirimo bajya batanga imirimo ku bagabo n'abagore;
- Kwita ku bikorwa bigenerwa ibyiciro byihariye (NCPD, CNF & CNJ );
- Guteganya mu nyubako zubakwa zaba iz'ubuyobozi n' iz'abikorera inzira z'abafite ubumuga;
- Gukomeza gukangurira abaturage gahunda z' impiduramatwara mu iterambere;
- Kubyaza umusaruro inyubako mberabyombi z' Imirenge ziriho zubakwa kugirango zunganire ingengo y' imari y'Akarere, Komite Nyobozi y'Akarere igategura umushinga w'uburyo byanozwa;
- Kugaragariza Abafatanyabikorwa (JADF) gahunda y'ibikorwa by'Akarere by'umwaka wa 2017-2018 kugirango bongeremo uruhare rwabo;
- Guhuza ubwinshi bw' ibikorwa bigerwaho n'ubwiza byabyo mu rwego ko kugira ibikorwa birambye no kurushaho gutanga serivisi nziza;
- Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge itarubaka amacumbi ya Polisi yabikora mu mwaka w'ingengo y' imari ya 2017-2018;

JB A

- Abanyamabanga Nshingwabikorwa n'Abafatanyabikorwa ba JADF basabwe kugira uruhare rugaragara mu itegurwa ry' ingamba z' iteramberery'Akarere ry'imyaka itanu (2018-2023);
- Akarere ka Gasabo kiyemeje gukorana n'Ishyirahamwe ASSETIP ariko bidakuyeho gutanga amasoko ya *Surveillance*;
- Abagize umwiherero basabye ko Icyumweru cy' Umujyanama cyaba ngaruka mwaka;
- Abagize umwiherero basabye ko mbere yo gutegura igenamigambi hakorwa ubushakashatsi ku bibazo bifuza ko byakemuka kugira ngo igenamigambi rishingire ku makuru afatika.

Iyi myanzuro yemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy' inama.

**<u>Ingingo ya gatanu</u> : Kwemeza ingengo y' imari y'Akarere ka Gasabo y' umwaka wa 2017-2018.**

Umuyobozi w'Inama Njyanama yasabye Abagize Inama Njyanama ko mbere gusuzuma umushinga w'ingengo y'imari y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2017-2018 babanza gusuzuma umushinga wa gahunda y'ibikorwa by'Akarere y'umwaka wa 2017-2018 n'Umushinga wa gahunda y'itangwa ry'amasoko y'Akarere y'umwaka wa 2017-218, maze aha mwanya Umuyobozi w'Akarere kugira ngo abagezeho iyo mishinga yateguwe.

**5.1 Umushinga wa gahunda y'ibikorwa by' Akarere y'umwaka wa 2017-2018.**

Umuyobozi w'Akarere amaze guhabwa umwanya ngo ageza ku bitabiriye inama umushinga wa gahunda y' ibikorwa by'Akarere by'umwaka wa 2017-2018, yabagaragarije ibikorwa byose bizakorwa, ingengo y'imari ibiteganyirijweho ndetse n'aho izaturuka.

Abajyanama bamaze kugezwaho umushinga wa gahunda y'ibikorwa by'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2107-2018, nyuma kubona ko ubugororangingo bwatangiwe i Rubavu mu mwiherero wabaye kuva tariki ya 23-25 Kamena 2017 bwongewemo, bunguranye ibitekerezo nyuma bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro No 10.19.138**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje gahunda y'ibikorwa by'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2017-2018 imaze kuyikorera ubugororangingo.

Uyu mwanzuro wemejwe n' Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy'inama.

5.2 **Umushinga wa gahunda y'itangwa ry' amasoko y' Akarere y'umwaka wa 2017-2018.**

Umuyobozi w'Akarere yagejeje ku bari mu nama umushinga wa gahunda y'itangwa ry'amasoko y'Akarere y'umwaka wa 2017-2018, asobanura ko aya masoko yateguwe hashingiwe ku ngengo y'imari y'Akarere iteganyijwe gukoreshwa mu mwaka wa 2017-2018, kuri gahunda y'ibikorwa by'Akarere ndetse no ku mihigo y'Akarere ka Gasbo y'umwaka wa 2017-2018, maze agaragaza

ko mu Karere ka Gasabo hateganyijwe gutangwa amasoko 58. Muri ayo masoko 58, amasoko 13 ni ay' ibikoresho ( goods ) afite agaciro k' amafaranga y'u Rwanda 246.776.968, amasoko 22 ya serivisi ( Services) afite agaciro k'amafaranga y'u Rwanda 694.927.533 n'amasoko 23 y' inyubako ( works ) afite agaciro k'amafaranga y'u Rwanda 2.748.764.055; bivuze ko amasoko yose 58 azatangwa mu Karere ka Gasabo mu mwaka wa 2017-2018 azaba afite agaciro k'amafaranga y' u Rwanda miliyari eshatu na miliyoni magana atandatu na mirongo icyenda n' ibihumbi magana ane na mirongo itandatu n' umunani na magana atanu na mirongo itanu na tandatu ( 3.690.468.556 Frw ).
Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho gahunda y'itangwa ry'amasoko y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2017-2018, gusobanurirwa akamaro k'amasoko yose yateganyijwe mu ngengo y' imari no kureba ko ubugororangingo bwatanzwe mu mwiherero wa Rubavu wo kuva tariki ya 23-25 Kamena 2017 burimo, bunguranye ibitekerezo maze bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro No 10. 20.139**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje gahunda y'itangwa ry'amasoko y'Akarere y'umwaka wa 2017-218 nyuma yo kuyikorera ubugororangingo.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy' inama.

**5.3. Gusuzuma umushinga w' ingengo y' imari y' Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2017-2018.**

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yahawe umwanya ageza kubitabiriye inama umushinga w'ingengo y'imari y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2017- 2018, asobanura ko uyu mushinga wateguwe hashingiwe ku bitekerezo byatanzwe n' abaturage bagize Akarere ka Gasabo, ku Cyerekezo 2020, Ingamba z' Iterambere ry' Ubukungu no kurwanya ubukene (EDPRS II ), gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi, Gahunda y' Iterambere ry' Akarere ( DDP), Igishushanyombonera cy'Umujyi wa Kigali (Master Plan) ndetse no ku myanzuro y'Umwiherero w'Abayobozi Bakuru b'Igihugu .
Ikindi Perezida wa Komisiyo yagaragaje ko mu kuyitegura bayihuje na gahunda y'ibikorwa by'Akarere by'umwaka wa 2017-2018.

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'ubukungu yasobanuye ko uyu mushinga w'ingengo y'imari ukubiyemo ibice bibiri: Uburyo amafaranga azinjira mu Karere n'aho azaturuka n'uburyo amafaranga azakoreshwa n' ibyo azakora.

Ku birebana n'imyinjirize, Perezida wa Komisiyo yagaragaje ko Akarere ka Gasabo gateganya kwinjiza amafaranga bwite angana na miriyari cumi n'eshatu miriyoni magana inani na makumyabiri n'umunani n'ibihumbi ijana na mirongo itanu na bibiri n' amafaranga atanu (13.828.152.005 Frw), agizwe na miriyari cumi n'imwe na miriyoni mirongo icyenda n'icyenda n' ibihumbi magana arindwi na mirongo ine n'umunani na magana arindwi cumi na biri azava mu misoro n'amahoro ( 11.099.748.712 Frw ), miriyari imwe na miriyoni magana arindwi na

makumyabiri n' umunani n' ibihumbi magana ane na bitatu magana abiri mirongo icyenda na tatu ( 1.728.403.293 ) Akarere kimukanye mu ngengo y' imari ya 2016-2017 ( opening balance) na miriyari imwe y'amafaranga y'u Rwanda (1.000.000.000 Frw) y'umwenda Akarere kazasaba. Amafaranga azaturuka ahandi ni miriyari cumi n'imwe na miriyoni magana ane na cumi n' ibihumbi magana cyenda na mirongo ine na bitatu n'ijana na tatu (11.410.943.103 Frw) agizwe na miriyari cumi na miriyoni makumyabiri n'umunani ibihumbi magana cyenda na cumi na bitanu magana arindwi na cumi n' umunani (10.028.915.718 Frw) azava muri Leta, amafaranga y'u Rwanda 561.250.000 azaturuka mu bigo bya Leta n' amafaranga y' u Rwanda 820.777.385 azatangwa n' abafatanyabikorwa. Bisobanura ko Akarere ka Gasabo kazinjiza miriyari makumyabiri n'eshanu miriyoni magana abiri na mirongo itatu n'icyenda n'ibihumbi mirongo icyenda na bitanu n'ijana n'umunani by' amafaranga y'u Rwanda (25.239.095.108 Frw).

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'iterambere ry'Ubukungu yasobanuye n'uburyo azakoreshwa, agaragaza ko ingengo y'imari y'iterambere izatwara amafaranga y' u Rwanda angana na 9.613.817.097 asigaye angana n'amafaranga y' u Rwanda 15.625.278.011 agakoreshwa mu ngengo y' imari isanzwe (ku bikorwa bya buri munsi, imishahara n'ibiyikomokaho, amafaranga azakoreshwa mukwishyura ibintu n'imirimo,amafaranga yoherezwa mu Mirenge n' Umujyi wa Kigali, imisanzu n'amafaranga yoherezwa gufasha abatishoboye). Perezida wa Komisiyo amaze kugaragaza uburyo ingengo y'imari y'Akarere ka Gasabo isaranganyije yasabye abagize Inama Njyanama ko bayemeza.

Abagize Inama Njyanama y' Akarere ka Gasabo bamaze kugaragarizwa umushinga w' ingengo y'imari y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2017-2018, guhabwa ibisobanuro ku bibazo bimwe na bimwe byagiye bibazwa n'abitabiriye inama no gusuzuma iranganshingiro n' ingingo zigize icyemezo gishyiraho ingengo y'imari y' Akarere ka Gasabo bemeza imyanzuro ikurikira:

**Umwanzuro No 10.21.140**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko amafaranga ateganyijwe kwinjira mu ngengo y'imari y'Akarere ka Gasabo mu mwaka wa 2017-2018 angana na miriyari makumyabiri n'eshanu miriyoni magana abiri na mirongo itatu n' icyenda n' ibihumbi mirongo icyenda na bitanu n'ijana n'umunani by'amafaranga y'u Rwanda (25.239.095.108 Frw).

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy' inama.

**Umwanzuro No 10 .22. 141**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje uburinganire bw' ingengo y' imari y'Akarere ka Gasabo y' umwaka wa 2017-2018 ku buryo bukurikira:

| AMAFARANGA AZINJIRA /AZAKORESHWA | UMUBARE |
|---|---|
| I. Amafaranga azinjizwa n'Akarere ubwako | 13.828.152.005 |
| II. Amafaranga azaturuka mu butegetsi bwite bwa Leta | 10.028.915.718 |
| III. Izindi nkunga zikomoka mu nzego za Leta | 561.250.000 |
| IV. Amafaranga y' Abaterankunga | 820.777.385 |
| **IGITERANYO CY'AMAFARANGA ATEGANYIJWE KWINJIRA** | **25.239.095.108** |
| **IGITERANYO CY'AMAFARANGA ATEGANYIJWE GUKORESHWA** | **25.239.095.108** |
| A.Amafaranga azishyura imishahara | 7.121.091.002 |
| B. Amafaranga azakoreshwa ibintu n' imirimo | 4.952.184.372 |
| C. Amafaranga yoherezwa (azahabwa Umujyi wa Kigali na RRA) | 3.552.002.637 |
| D. AMAFARANGA AZAKORESHWA MU MISHINGA | 9.613.817.097 |

Uyu mwanzuro wemejwe n' Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy' inama.

**Umwanzuro No 10. 23.142**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasuzumye kandi yemeza ingingo ya kane y'icyemezo gishyiraho ingengo y' imari y'Akarere ka Gasabo y' umwaka wa 2017-2018 igena amahame akurikira:

- Amahame ategeka ko ingengo y'Imari ihurizwa hamwe, igakoreshwa mu mwaka umwe kandi ikagaragaza ibizinjira n'ibizakoreshwa byose.
- Amahame ategeka ko ingengo y'imari ihuriza hamwe amafaranga yinjizwa n'Akarere ubwako, Inkunga ziva mu Butegetsi Bwite bwa Leta, amafaranga y'abaterankunga ndetse n' amafaranga azakoreshwa mu Ngengo y' Imari isanzwe n' igenewe gushorwa mu mishinga y' Iterambere.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy' inama.

**Umwanzuro No 10. 24. 143**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasuzumye kandi yemeza ingingo ya gatanu y'icyemezo gishyiraho ingengo y' imari y' Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2017 -2018, ishyiraho Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga ingengo y' imari y'Akarere yemeza ko Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ariwe Muyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari y' Akarere.

Uyu mwanzuro wemejwe n' Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy' inama.

**Umwanzuro No 10.25.144**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasuzumye kandi yemeza ingingo ya gatandatu y' icyemezo gishyiraho ingengo y' imari y'Akarere ka Gasabo y' umwaka wa 2017-2018 ivuga ko ingengo y' imari y' umwaka wa 2017-2018 imaze gutorwa , Umuyobozi w'Akarere amenyesha inzego zemerewe ingengo y' imari, agafatanya na zo gutegura gahunda irambuye y' uko ingengo y'imari izakoreshwa. Hemejwe kandi ko Umuyobozi w'Akarere abyumvikanyeho n'abandi bagize Komite Nyobozi y'Akarere atanga uburenganzira bwo gukoresha amafaranga akurikije uko amafaranga yinjira n'uko asohoka na gahunda z' ibigomba kwitabwaho mbere y' ibindi.
Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy' inama.

**Umwanzuro No 10.26.145**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasuzumye kandi yemeza ingingo ya karindwi y'icyemezo gishyiraho ingengo y' imari y'Akarere ka Gasabo y' umwaka wa 2017-2018, igena uburyo bwo gukoresha amafaranga, yemeza ko bibujijwe gukoresha amafaranga adateganyijwe mu ngengo y'imari aho yava hose.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy' inama.

**Umwanzuro No 10.27.146**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasuzumye kandi yemeza ingingo ya munani y' icyemezo gishyiraho ingengo y' imari y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2017-2018, igena ifatwa ry'icyemezo cyo kwishyura, yemeza ko nta mafaranga yishyurwa hatarabanje gufatwa icyemezo mbere kigaragaza ko azishyurwa. Hemejwe kandi ko Umuyobozi mukuru ushinzwe gucunga ingengo y'imari y'Akarere agomba kugenzura ko inyemezabuguzi zose zakiriwe n'Akarere zikandikwa mu bitabo byabigenewe mu gihe kigenwe, akanashyikiriza Ministeri ifite Imari mu nshingano zayo impapuro zisaba ko zishyurwa, itariki yo kwishyura itararenga.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21 / 21 bari mu cyumba cy' inama.

**Umwanzuro No 10.28.147**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasuzumye kandi yemeza ingingo ya cyenda y'icyemezo gishyiraho ingengo y'imari y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2017-2018 igena ububasha bwo kuguza ku rwego rw'Akarere ,yemeza kandi ko Inama Njyanama y'Akarere ishobora gufata gusa imyenda yo gushora mu mishinga y'amajyambere hakurikijwe itegeko rishyiraho inkomoko y'imari n'umutungo by' uturere n'Umujyi wa Kigali n'ikoreshwa ryayo, yemeje kandi ko Akarere kadafite ububasha bwo gutanga no kwemeza ingwate z'inguzanyo ku mutungo rusange wazo.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy' inama.

**Umwanzuro No 10.29.148**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasuzumye kandi yemeza ingingo ya cumi y' icyemezo gishyiraho ingengo y' imari y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2017-2018 igena itangwa ry' uburenganzira bwo kwimura amafaranga avanwa ku ngingo z' ingengo y' imari ajyanwa ku zindi, yemeza ko hatitawe ku biteganywa mu gika cya mbere cy' iyi ngingo, kwimura amafaranga ku ngingo y'ingengo y' imari uyashyira ku zindi ntibyemewe hagati y' ingingo z' imishahara n' ibijyana nayo n' ibindi byiciro by'ingengo y' imari isanzwe keretse byemejwe n' Inama Njyanama y'Akarere.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy' inama.

**Umwanzuro No 10.30.149**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasuzumye kandi yemeza ingingo ya cumi na rimwe y' icyemezo gishyiraho ingengo y' imari y'Akarere ka Gasabo y' umwaka wa 2017-2018, igena ihagarikwa ry' uburenganzira bwo kwishyura n' ubwo gusohora amafaranga ,yemeje ko kuriha amafaranga agenwe mu ngengo y' imari y' umwaka wa 2017-2018 byemewe kugeza ku itariki ya 30 Kamena 2018, ariko kwemererwa uburenganzira bwo gushora amafaranga azakoreshwa bihagarikwa kuva kuwa 15 Gicurasi 2018, keretse bitangiwe uruhushya rusobanura impamvu yabyo na Minisitiri ufite imari mu nshingano ze.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21 / 21 bari mu cyumba cy' inama.

**Umwanzuro No 10.31.150**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasuzumye kandi yemeza ingingo ya cumi na kabiri y' icyemezo gishyiraho ingengo y' imari y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2017-2018, igena ingingo z'amategeko n'ibyemezo zivanwaho, yemeje ko ingingo zose zemejwe n'Akarere ka Gasabo kandi zinyuranyije n'iki cyemezo zivanweho.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajynama 21/21 bari mu cyumba cy' inama.

**Umwanzuro No 10.32.151**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasuzumye kandi yemeza ingingo ya cumi na gatatu y' icyemezo gishyiraho ingengo y'imari y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2017-2018, igena igihe iki cyemezo gitangira gukurikizwa, yemeje ko iki cyemezo gitangira gukurikizwa itariki ya 01 Nyakanga 2017 Inama Njyanama y'Akarere imaze gutora ingengo y'imari, kigashyirwaho umukono kandi kikanatangazwa .

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy' inama.

**Umwanzuro No 10.33.152**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasuzumye kandi yemeza ingingo ya cumi na kane y' icyemezo gishyiraho ingengo y'imari y'Akarere ka Gasabo y' umwaka wa 2017-2018, igena itegurwa n'isuzumwa ryaco, yemeje ko iki cyemezo cy' Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo gishyiraho ingengo y' imari y'umwaka wa 2017-2018 cyateguwe, gisuzumwa kandi gitorwa mu rurimi rw' ikinyarwanda.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy' inama.

**Umwanzuro No 10.34.153**

Inama Njyanama y' Akarere ka Gasabo yemeje icyemezo gishyiraho ingengo y' imari y'Akarere y'umwaka wa 2017-2018 ingana n'amafaranga y'u Rwanda Miriyari makumyabiri n'eshanu na miriyoni magana abiri na mirongo itatu n'icyenda n'ibihumbi mirongo icyenda na bitanu n'ijana n'umunani (25.239.095.108 Frw ).

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21 / 21 bari mu cyumba cy' inama.

Ingengo y' imari y'Akarere ka gasabo imaze kwemezwa Umuyobozi w' Inama Njyanama yayishyikirije Umuyobozi w' Akarere kugirango ayishyikirize Umunyamabanga Nshingwabikorwa w' Akarere amusaba kuzita ku ngingo zishyiraho iki cyemezo kandi amusaba kuzubahiriza amategeko n'amabwiriza agenga imikoreshereze y' ingengo y'imari.

Inama Njyanama yari yatangiye saa ine za mu gitondo (10h00') yashoje imirimo yayo saa kumi n'ebyiri z'umugoroba (18h00), Umuyobozi w' Inama Njyanama ashimira abayitabiriye.

Bikorewe i Gasabo, ku wa 29 Kamena 2017.

Umwanditsi w'inama :

**KAREMERA Francis**
Umunyamabanga Nshingwabikorwa
y'Akarere ka Gasabo.

Umuyobozi w'inama :

**Dr BAYISENGE Jeannette**
Umuyobozi w' Inama Njyanama
y'Akarere ka Gasabo.